



Amashusho: VOB. Mwarimu Berthe Musabyeyeza ashira abanyeshuri mu matsinda mato mu rwego rwo kongera uruhare rw'abo mu kwiga

Gusobanukirwa ingaruka ifunga ry'amashuri mu gihe cya COVID-19 ryagize ku barimu bo mu mashuri yisumbuye mu Rwanda



Leaders in
Teaching



Research for Equitable Access and Learning

laterite
DATA | RESEARCH | ANALYTICS

Gushimira

Iyi raporo ivuga mu ncamake ku bushakashatsi bwakozwe na Laterite ifatanyije n'ikigo cyo muri Kaminuza ya Cambridge cyitwa Research for Equitable Access and Learning (REAL) ku bufatanye na Mastercard Foundation muri gahunda ya Leaders in Teaching.

Abakoze ubu bushakashatsi barashimira cyane abarimu, abayobozi b'ibigo, abanyeshuri, Mastercard Foundation, n'abashyira mu bikorwa gahunda ya Leaders in Teaching bagize uruhare muri ubu bushakashatsi.

Gahunda ya Leaders in Teaching

Leaders in Teaching ni gahunda y'imyaka itanu ya Mastercard Foundation yatangijwe muri 2018 hagamijwe kuzamura ireme ry'imyigishirize n'imyigire mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda, hibandwa ku masomo y'amasiyansi, ikoranabuhanga, ubumenyingiro ndetse n'imibare (STEM). Iyi gahunda igendanye n'intego zikubiye muri gahunda y'igihugu ya vision 2050 yo kuba igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bumenyi. By'umwihariko, gahunda ya Leadears in Teaching ishyira mu bikorwa imwe mu mirongo migari y'ingenzi igaragara muri gahunda y'uburezi ya 2018/19 kugera 2023/24 (Rwanda's Education Sector Strategic Plan) igamije kuzamura ireme ry'imyigire n'imyigishirize, no kuzamura ubunyamwuga ndetse n'iterambere ry'abrimu hibandwa ku masomo ya siyansi n'ikoranabuhanga mu turere 14 tw'u Rwanda.

Leaders in Teaching ishyirwa mu bikorwa n'ibigo bitandatu aribyo; Ikigo Nyafurika gishinzwe ubumenyi bw'imibare (AIMS); Kaminuza ya Carnegie Mellon Africa (CMU); Inspire, Educate and Empower Rwanda (IEE); UNICEF Rwanda; Kaminuza y'u Rwanda ishami ry'uburezi (UR-CE); ndetse na VVOB Rwanda – ibi bigo byose bifatanije na Mastercard Foundation. Laterite hamwe n'ikigo cya REAL ni abafatanyabikorwa bashinzwe ubushakashatsi kuri iyi gahunda, bugamije kureba niba harabayeho impinduka mu myigire n'imyigishirize.

Laterite n'ikigo cya REAL

Laterite ni ikigo gikora ubushakatsi, gikusanya kikanasesengura amakuru. Ibi byose kikabikora kigamije gutanga service nziza z'ubushakashatsi mu bice abantu benshi batitaho. Iki kigo cyashingiwe muri Africa y'iburasirazuba, giharanira gukora ubushakashatsi bufite ireme kandi bufasha abafata ibyemezo mu nzego zitandukanye mu gushaka ibisubizo ku bibazo bitandukaye by'iterambere.

Ikigo cya REAL muri Kaminuza ya Cambridge, gikora ubushakashatsi bwita ku buryo bwo kwirinda imbogamizi zibangamira uburezi nk'ubucyene, uburinganire, ubwoko, ururimi, ndetse n'ubumuga. Giteza imbere kandi uburezi nk'imwe mu nkingi ihamye y'iterambere ridaheza kandi rirambye.

Imyandikire yifashishwa

Laterite n'ikigo cya REAL muri Kaminuza ya Cambridge. (2023). *Gusobanukirwa ingaruka ifunga ry'amashuri mu gihe cya COVID-19 ryagize ku barimu bo mu mashuri yisumbuye mu Rwanda*. Laterite, Rwanda n'ikigo cya REAL, Kaminuza ya Cambridge.

1. Intangiriro

Ubushakashatsi bwakozwe na Laterite hamwe n'ikigo cya REAL cyo muri kaminuza ya Cambridge kuri gahunda ya Leaders in Teaching ya Mastercard Foundation bwagaragaje ibitekerezo n'amakuru aziguye ku myigishirize n'imyigire mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. Kugeza ubu bushakashatsi bumaze gukorwa mu bihe bitandukanye:

- Mu mpera za 2019 no mu ntangiriro za 2020, mbere y'icyorezo cya COVID-19 cyatumye amashuri afunga
- Muri Kanama 2020, mu gihe amashuri yari afunze
- Muri Mutarama, Gicurasi n'Ukwakira/Ugushyingo 2021, nyuma yaho amashuri yongeye gufungura.

Ibikubiye muri iyi ncamake n'amakuru n'bitezekerezo byakusanyijwe muri 2021 nyuma y'aho amashuri yongeye gufungura. Iyi ncamake iribanda ku mpinduka zagaragaye mu migenzo no mu myumvire y'abrimu, amahugurwa bahawe ndetse n'imyigire y'abanyeshuri ugereranije n'igihe amashuri yari afunze mu turere 14 gahunda ya Leaders in Teaching ikoreramo. Ubu bushakashatsi ntibugamije gusesengura imyigishirize n'imitsindire y'ibigo runaka. Incamake iraza no kugaragaza ibyo abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi bakora ndetse n'ubushakashatsi bundi bwaba bukenewe. Incamake ibanziriza iyi (iri kuri murandasu) igaragaza ibyavuye mu bushakashatsi ku myigire n'imyigishirize mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda mbere y'ifunga ry'amashuri mu ntangiriro za 2020.

Amashuri yasuwe mu bushakashatsi kuri gahunda ya Leaders in Teaching



Amashuri 356
yatoranjwe



Uturere 14 tw'u
Rwanda
(utabariyemo Kigali)



b'amashuri 355
n'abarimu ba
STEM 1,931



Abanyeshuri barenga
4,000 bo mu mwaka
wa 3 w'amashuri




91% y'ibigo
bobarizwa
mu cyaro



13% ni amashuri
y'icyitegererero

Ishusho ry'ibigo by'amashuri byasuve mu bushakashatsi



2. Incamake y'ibavuye mu bushakashatsi bwakozwe kuri gahunda ya Leaders in Teaching muri 2021

Iki gice cyerekana muri make ibavuye mu bushakatsi bwakozwe na Laterite n'ikigo cya REAL cyo muri kaminuza ya Cambridge muri 2021 ku ngingo eshatu zikurikira:

1. Ingaruka za COVID-19 zerekeranye n'ifunga ry'amashuri ku kwiyandikisha kw'abanyeshuri ndetse n'ihindagurika ry'abrimu
2. Amahugurwa y'abayobozi b'ibigo n'abrimu ba STEM mbere na nyuma y'ifunga ry'amashuri
3. Impinduka mu myumvire y'abrimu ba STEM kw'ireme ry'imyigishirize nyuma y'ifunga ry'amashuri ugereranije na mbere y'uko afunga

Iningo ya 1: Ingaruka za COVID-19 zerekeranye n'ifunga ry'amashuri ku kwiyandikisha kw'abanyeshuri ndetse n'ihindagurika ry'abrimu

Kwiyandikisha kw'abanyeshuri kwariyongereye nyuma y'uko amashuri yongeye gufungura, cyane cyane mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye ndetse n'umwaka wa 4


Umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye (S1) ndetse n'umwaka wa 4 (S4), ni imyaka yakira abanyeshuri bavuye mu byiciro bitandukanye. Urugero: umwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye niho abanyeshuri barangije amashuri abanza (P6) bahita bajja, ndetse n'abangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (S3) bahita bimukira mu mwaka wa 4 (S4) mu cyiciro cyisumbuyeho (A level). Abanyeshuri bakomereza muri ibi byiciro mu gihe batsinze ibizamini bya Leta by'amashuri abanza (P6) cyangwa icyiciro rusange (S3). Ariko kubera icyorezo cya COVID-19 cyatumye amashuri afunga, nta bizami bya leta byabayeho mu mwaka w'amashuri wa 2020/21.

Igihe amashuri yongeye gufungura mu mpera z'umwaka wa 2020, abanyeshuri basubiye mu myaka bigagamo mbere y'uko amashuri afunga. Urugero, umunyeshuri wari waratsinze ibizamini bisoza amashuri abanza (P6) mu mwaka w'amashuri wa 2019/20 akaba yarari kwiga mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye (S1) muri Mutarama 2020, mu gihe amasomo yongeye gutangira mu Gushyingo 2020, uyu munyeshuri yasabwe gutangira n'ubundi mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye (S1) yari asanzwe yigamo kuva umwaka utangiye.

Mu gihe abiyandikishije mu myaka yose biyongereye nyuma y'ifungura ry'amashuri, birashoboka ko umubare munini w'abanyeshuri mu mwaka wa mbere n'umwaka wa kane mu mashuri yisumbuye wasobanurwa n'iyi ngingo: bamwe mu banyeshuri bari baratsinze ibizami byabo bya leta bagatangira kwiga mu mwaka wa mbere (S1) ndetse n'umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye (S4) baje kureka ishuri mbere y'uko COVID-19 ituma amashuri afunga. Nyuma y'aho amashuri yongeye gufungura mu Gushyingo 2020, aba banyeshuri bari bararetse ishuri bagarutse nabo kwiga basanga bagenzi babo batari baretse ishuri.

Uku kwiyongera kw'abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere (S1) n'umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye (S4), ndetse no kwiyongera muri rusange kw'abanyeshuri mu yindi myaka nyuma yaho amashuri yongeye gufungura, n'ikimenyetso cyiza cy'uko abanyeshuri bongeye kugaruka kw'ishuri nyuma y'igihe kinini amashuri afunze kubera COVID-19.

Impuzandengo y'impinduka mu kwiyandikisha kw'abanyeshuri muri Gashyantare 2021, ugereranije na Werurwe 2020




Ntabwo habayeho isubira inyuma rinini mu myigire y'abanyeshuri, ariko icyaho kiracyahari

Twasuzumye abanyeshuri bari mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye (S3) muri Gashyantare 2020 (ahagana mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri, mbere y'icyorezo cya COVID-19) no muri Gicurasi 2021 (nyuma y'uko amashuri yongeye gufungura). Muri Gicurasi 2021, abanyeshuri bari barangije amezi arenga 8 biga, ariko hari n'andi n'amezi 7 bamaze batiga kubera icyorezo cya COVID-19. Ibyo bisobanuye ko byari byitezwe ko imyigire yabo yaba yarateye imbere.

Ninabyo twabonye mu bushakashatsi: ugereranije, abanyeshuri batsinze hejuru ya 10% muri Gicurasi 2021 ugereranije n'isuzumabumenyi bakoze muri Gashyantare 2020. Ibi bishatse kuvuga ko habayeho ukwiyyongera kungana na 1.8 by'ibisubizo nyabyo kw'isuzumabumenyi riri ku manota 30. Impuzandengo y'amanota yari 12.9 kuri 30 muri Gashyantare 2020 ugereranije na 14.7 kuri 30 muri Gicurasi 2021. Amashuri ageze muri 90% twakoreyemo ubushakashatsi agaragarije ukwiyyongera mu mitsindire y'abanyeshuri mu mibare muri icyo gihe.

Impuzandengo y'amanota y'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye (S3) mbere na nyuma y'ifunga ry'amashuri



90%

y'ibigo twakoreyemo ubushakashatsi byagaragaje ukwiyyongera mu mitsindire y'abanyeshuri mu mibare hagati ya Gashyantare 2020 na Gicurasi 2021

Ni ngombwa kumenya ko tudafite amakuru yo kwifashisha tugereranya impinduka mu myigire muri iki gihe n'ibari kuba mu mwaka w'amashuri usanzwe iyo amashuri adafunga. Ntabwo rero tuzi niba ukwiyyongera mu mitsindire kwagaragaye ari ko twari kubona mu mwaka w'amashuri usanzwe.

Kimwe na mbere y'uko amashuri afunga, igice kimwe cy'abanyeshuri cyakomeje kwitwara neza kuruta ikindi mw'isuzumabumenyi ry'imibare. Abahungu barushijeho gato abakobwa mu manota yavuye mw'isuzumabumenyi bakoze muri Gashyantare 2020 na Gicurasi 2021. Abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye (S3) bafite imyaka ijyanye n'umwaka w'amashuri bigamo (hagati y'imyaka 14 na 15) bazamuye amanota yabo mw'isuzumabumenyi ry'imibare ugereranyije n'abanyeshuri bakuze (bafite y'imyaka 17 kuzamura). Ibi byatewe nuko abanyeshuri bakuru ugereranyije n'umwaka w'amashuri bigamo (imyaka 17 no kuzamura). Abanyeshuri bafite imyaka myinshi ugereranyije n'imyaka y'amashuri bigamo bakunze kuva mw'ishuri cyangwa gusibira ugereranyije na bagenzi babo bakiri bato, hari n'igihe usanga bajya mu mirimo ibahemba mu gihe runaka. Ibi rero bigira ingaruka ku myigire yabo ugereranyije na bagenzi babo bakiri bato.

Nyuma y'uko amashuri yongeye gufungura, abarimu benshi basubiye kwigisha mu mashuri yabo

Mu kugereranya ibisubizo byavuye mu bushakashatsi bwakozwe mu ntangiriro za 2020 na Mata 2021, twasanze ko:



94%

y'abarimu ba STEM basubiye mu bigo bigishagamo mu ntangiriro za 2021.




1 mu bigo 2

by'amashuri yisumbuye byongereye umubare w'abrimu ba STEM mu ntangiriro za 2021.

Umubare w'abanyeshuri bakomeje kwiga wagiye ugabanuka uko umwaka w'amashuri wagiye ukomeza

Mu gihe abanyeshuri bensi basubiye mu mashuri nyuma y'ifungura ry'amashuri, umubare wabo wagiye ugabanuka uko umwaka w'amashuri wakomezaga. Umubare w'abakobwa ndetse n'abanyeshuri bakuze ugereranyije n'umwaka w'amashuri bigamo, ni ukuvuga abanyeshuri bafite hejuru y'imyaka 17 y'amavuko, niwo wagiye ugabanuka uko umwaka w'amashuri wakomezaga.

Umubare w'abanyeshuri bari mu mashuri twakoreyemo ubushakashatsi mbere na nyuma y'ifunga ry'amashuri



Ni gute ibi twabigereranya n'umwaka w'amashuri usanzwe? Nubwo tudashobora kugereranya ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cyo kuguma mw'ishuri kw'abanyeshuri ugereranije n'umwaka usanzwe, ibyavuye muri raporo ya MINEDUC yo muri 2021 bigaragaza ko 9.1% by'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye batangiye umwaka w'amashuri wa 2018 batasubiyeyo mu mwaka w'amashuri wa 2019. Mu bushakashatsi bwacu, 11% by'abanyeshuri twabonye mw'ishuri muri Gashyantare 2020 mbere y'ifunga ry'amashuri ntabwo bari mw'ishuri nyuma y'amezi arindwi mu mwaka w'amashuri wa 2020/21. Ibi birerekana ko umubare w'abana bata ishuri byibuze ungana n'umubare ugaragara mu gihe cy'umwaka w'amashuri, kandi ushobora kujya hejuru ukurikije igihe ubu bushakashatsi bwakorewe. Uyu mubare uri hejuru cyane ku bakobwa (13%) ndetse n'abanyeshuri bafite hejuru y'imyaka 17 (15%). Ibi ni ibintu bigomba kwitabwaho n'abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi.

Ni iki abashyiraho imirongo ngenderwaho bashobora gukora mu gufasha abanyeshuri kwitabira ishuri no gutera imbere mu myigire?

- Gufasha abanyeshuri bafite ibyago byo guta ishuri bakabona ibyangombwa nkenerwa kugirango bagume mw'ishuri kandi bige banbarangize amashuri yabo - urugero, nko kubaha amasomo y'inyunganizi
- Gukomeza gukurikirana imyigire y'abanyeshuri - cyane cyane abakobwa n'abanyeshuri bakuze, ndetse n'abanyeshuri bo mu miryango ikennye - kugirango hamenyekane ingaruka z'igihe kirekire zaturutse kw'ifunga ry'amashuri ku kwitabira kw'abanyeshuri n'imyigire yabo
- Kongera imbaraga mu guhugura abayobozi b'ibigo mu myigishirize yita ku bakobwa n'abahungu bishobora kugira uruhare mu kuziba icyaho mu mitsindire y'abahungu n'abakobwa.

Ingingo ya 2: Amahugurwa y'abayobozi b'ibigo n'abrimu ba STEM mbere na nyuma y'ifunga ry'amashuri

Abayobozi benshi b'ibigo bavuze ko bahawe amahugurwa byibuze ku ngingo imwe mu mezi 12 abanziriza Werurwe 2020 (mbere y'icyorezo cya COVID-19)

85%

by'abayobozi b'ibigo bagaragaje ko babonye amahugurwa ku ngingo n'ibura imwe

Abenshi mu bayobozi b'ibigo babonye amahugurwa:



Abayobozi b'ibigo
bafite
ubunararibonye



Abayobora
amashuri
asanzwe

70%

by'abayobozi b'ibigo bagaragaje ko basangije amahugurwa babonye abrimu bayobora.

Abenshi mu bayobozi b'ibigo
basangije amahugurwa abo
bayobora:




Abayobozi b'ibigo
bafite
ubunararibonye




Abayobora
amashuri
y'icyitegererezo

Umubare w'abagore bari bake mu bayobozi b'ibigo ndetse n'abahawe amahugurwa mu kazi




1 muri 5
mu bayobozi b'ibigo n'umugore



Abayobozi b'ibigo b'abagore
bahawe amahugurwa (74%) ni
bake ugereranije n'abagabo (88%)
muri Werurwe 2020.

Ifunga ry'amashuri ryagize ingaruka ku kwitabira amahugurwa


Ku barimu ba STEM muri rusange, ubwitabire bwabo mu mahugurwa bwari buhagaze neza mu gihe cy'ifunga ry'amashuri kandi bwaje no kwiyongera nyuma yaho amashuri yongeye gufungura. Ku bayobozi b'ibigo, ubwitabire bwabo muri CPD bwaragabanutse mu gihe amashuri yari afunze, ariko bwaje kongera kwiyongera amashuri afunguye bungana nk'uko bwari bumeze mbere y'uko amashuri afunga.



Intego ya CPD yarahindutse nyuma y'uko amashuri yongeye gufungura


Ku barimu ba STEM n'abayobozi b'ibigo, intego yibanze y'amahugurwa mbere y'ifunga ry'amashuri yari ishingiye ku nteganyanyigisho zishingiye ku bushobozi (CBC), akaba ari n'ingenzi kuri guverinoma y'u Rwanda. Amashuri amaze gufungura, intego y'amahugurwa y'abrimu ba STEM yimukiye ku ngingo za STEM & ICT, ndetse n'izindi ngingo ziyanye n'amahugurwa atangwa na bagenzi babo ku gutegura amasomo, guhangga udushya mu masuzumabumenyi, gutanga amasomo y'inyunganizi, no kubungabunga ubuzima buzira COVID-19.

Abarimu ba STEM bagaragaje ko bahuguwe ku ngingo zitandukanye



Ku bayobozi b'ibigo, nyuma y'uko amashuri yongeye gufungura amahugurwa yibanze ku gutoza abarimu ndetse n'izindi ngingo nko gushyiraho ingamba z'amasomo y'inyunganizi, gukurikirana abanyeshuri bata ishuri, kuyobora ikigo, no gucunga umutungo..


Abayobozi b'ibigo bagaragaje ko bahuguwe ku ngingo zitandukanye



Muri rusange, abarimu bari bafite amahitamo make ku mahugurwa bahabwa mbere, mu gihe, na nyuma y'ifunga ry'amashuri.

Nyuma yaho amashuri yongeye gufungura, umubare w'abrimu ba STEM bafite mudasobwa wariyongeye cyane cyane ku bagore

Umubare w'abrimu ba STEM n'abayobozi b'ibigo bari bafite mudasobwa mbere na nyuma y'ifunga ry'amashuri



Muri rusange, abayobozi b'ibigo barusha abrimu ba STEM kugira mudasobwa haba mu rugo cyangwa kw'ishuri.

Ni gute abashyiraho imirongo ngenderwaho bashobora kunoza itangwa ry'amahugurwa ku barimu ba STEM n'abayobozi b'ibigo?

- Gufasha abayobozi b'ibigo b'abagore kwitabira amahugurwa. Urugero, korosha ingengabihe y'amahugurwa no gutanga amahugurwa hafi y'aho batuye kugirango babashe kwitabira.
- Gukora ubusesenguzi bw'amahugurwa akenewe mu matsinda n'amashuri atandukanye, cyane cyane mu mashuri adafite ubushobozi. Bigakorerwa rimwe no gufasha abarezi mu byiciro bitandukanye by'umwuga guhitamo amahugurwa bafata.
- Kongera umubare wa mudasobwa cyangwa tabletu ku barimu bose, guha abrimu amahugurwa y'uburyo bwo kuzikoresha, harimo no gutegura gahunda yamasomo ikubiyemo ikoreshwa rya ICT mu myigire n'imyigishirize

Ingingo ya 3: Impinduka mu myumvire y'abrimu ba STEM kw'ireme ry'imyigishirize nyuma y'ifungura ry'amashuri ugereranije na mbere y'uko afunga

Imyumvire y'abrimu ba STEM kw'ireme ry'imyigishirize yarahindutse nyuma y'ifungura ry'amashuri

Ugereranije, imwe mu myumvire kw'ireme ry'imyigishirize yaramanutse ariko indi yarazamutse. Ubu bushakashatsi bwerekana ko icyorezo cya COVID-19 ndetse n'ifunga n'ifunga ry'amashuri yisumbuye byagize ingaruka zigaragara ku myumvire y'ireme ry'imyigishirize.

- Imyumvire y'abrimu yaramanutse kuri...

+ Imyumvire y'abrimu yarazamutse kuri...



Ubumenyi bw'isomo ndetse n'uburyo bwo kwigisha



Akamaro ko kudaheza mw'ishuri



Kwishimira ibikoresho n'ubushobozi bw'ikigo



Gushishikara kwabo kujyanye n'imyigishirize



Ubushobozi bwabo mu kwimakaza mu banyeshuri indangagaciro z'umuco nyarwanda



Ubushobozi bwabo bwo gushyiraho uburyo buboneye bwo kwigiramo bwibanda ku banyeshuri



Kuba hari ubufasha ndetse n'amahirwe atandukanye



Gushishikarira umwuga w'ubwarimu

Ibi bitekerezo by'abrimu biratandukanye ugendeye ku miterere y'abrimu ndetse n'amashuri bigishaho


Ugereranije, abrimu batangaje ko banyuzwe gahoro n'ibikoresho, ubushobozi bw'ikigo, ndetse n'ubumenyi bw'isomo n'ubumenyi bwo kwigisha ugereranije na mbere y'uko amashuri afunga.

Abrimu bafite ubumuga banyuzwe cyane n'ibikoresho n'ubushobozi bw'ikigo nyuma y'uko amashuri yongeye gufungura. Ariko, birashoboka ko aba barimu ba STEM bashobora kuba barabonye ko ibikoresho byo kwigisha imbonankubone mbere yuko COVID-19 itangira bitari bihagije. Bashimishijwe cyane rero n'ibikoresho byo kwigisha mu buryo butari ubw'imbonankubone byatanzwe n'ikigo k'ighugu cy'uburezi (REB) hamwe n'abafatanyabikorwa mu gihe amashuri yari afunze.

Abrimu bo mu mashuri adacumbikira abanyeshuri banyuzwe gahoro n'ibikoresho n'ubushobozi bw'ikigo, ndetse n'ubumenyi bw'isomo n'ubumenyi bwo kwigisha ugereranije n'amashuri acumbikira abanyeshuri (yiganjemo amashuri y'icyitegererezo). Amashuri y'icyitegererezo yashinzwe mu mwaka wa 2011 hagamijwe guteza imbere imyigire ya siyansi no kuba icyitegererezo ku yandi mashuri, bityo akaba afite ibikoresho byinshi kandi byujuje ubuziranenge n'ibikorwa remezo, harimo ibijyanye na siyanse n'ibikoresho bya ICT.

Ugereranije na bagenzi babo, abrimu b'abagabo bakiri bato batanafite uburambe barushijeho kunyurwa n'ubumenyi bw'isomo ndetse n'ubumenyi bwo kwigisha, ariko bakavuga ko badashishikajwe cyane n'umwuga wo kwigisha. Ubu bushakashatsi bugaragaza ko igitsina, imyaka, hamwe n'uburambe bijyanye n'ireme ryo kwigisha – ibi ni ingenzi mu kwirinda ihindagurika ry'abrimu: aba barimu bakiri ku ntangiriro z'umwuga wabo baba bakeneye ubufasha kugirango bashishikarire kuguma mu mwuga.

Impinduka mu myumvire y'abrimu ushingiye ku miterere y'abrimu n'amashuri



Nk'igisubizo, abashyiraho imirongo ngenderwaho bashobora:

- Gushyiraho gahunda yo guhugura abrimu mu bice imyumvire yagabanutse, nk'ubumenyi bw'isomo n'ubumenyi bwo kwigisha, kunyurwa n'ibikoresho ndetse n'ubushobozi bw'ikigo, no gushishikarira umwuga wo kwigisha mu barimu badafite uburambe. Abarimu bafite ubumuga ntibagomba gusigara inyuma muri iyi gahunda.
- Gukomeza kwibanda ku bushobozi, mu bijyanye n'ibikoresho, ibikorwa remezo, na gahunda yo guhugura abrimu, ku mashuri adafite ubushobozi (aho kwita ku mashuri y'icyitegererezo).
- Gushaka uburyo ndetse n'ubushobozi bwo gutoza cyangwa se guhugura abrimu bashya, kugirango bacyemure ikibazo cyo kudashishikazwa n'umwuga ugereranyije na mbere ya COVID-19.

Inyandiko z'ubushakashatsi

Cortez Ochoa, A., Hategeka, K.B., Leonard, P., Rose, P. (2022). *Training school leaders to support teaching practice – evidence from March 2020*. Leaders in Teaching Research and Policy Series, April 2022. Laterite, Rwanda and REAL Centre, University of Cambridge.

Cortez Ochoa, A. A., Leonard, P. and Rose, P. (2022). *STEM teacher and school leader engagement with continuous professional development in Rwanda since the outbreak of COVID-19*. Leaders in Teaching Research and Policy Series, September 2022. Laterite, Rwanda and REAL Centre, University of Cambridge.

Leonard, P., Nzaramba, S., Rose, P., Rudasingwa, M. and Sabates, R. (2022). *The effects of school closures in Rwandan secondary schools: Student retention, teacher turnover and student numeracy test scores*. Leaders in Teaching Research and Policy Series, April 2022. Laterite, Rwanda and REAL Centre, University of Cambridge.

Carter, E., Leonard, P., Onwuegbuzie, A. J., Rose, P., and Sabates, R. (2022). *Teaching quality in secondary education in Rwanda: Changing perspectives of STEM teachers before and after school closures*. Leaders in Teaching Research and Policy Series, July 2022, REAL Centre, University of Cambridge.

Laterite and the REAL Centre at the University of Cambridge. (2021). *Understanding teaching quality in Rwandan secondary schools: Learning from the Leaders in Teaching initiative in 2020*. Laterite, Rwanda and REAL Centre, University of Cambridge.

Izi nyandiko zose z'ubushakashatsi ziri kuri murandasi kuri www.educ.cam.ac.uk/centres/real/researchprojects/ongoing/leaders-in-teaching-rwanda/ cyangwa www.laterite.com/publications/leadersinteaching/.



Research for Equitable Access and Learning



REAL Centre
Faculty of Education
University of Cambridge
184 Hills Road, Cambridge,
CB2 8PQ, UK
 @REAL_Centre
www.educ.cam.ac.uk/centres/real
Email: realcentre@educ.cam.ac.uk



Laterite
House 33, KG 584 St
Kibiraro II Village
Nyarutarama, Remera
Gasabo District, Kigali

 @Laterite_Africa
www.laterite.com